| 9° gukurikirana ibikorwa n'imikorere by'Uturere n'iby'izindi nzego z'imirimo za Leta zikorera ku rwego rw'Umujyi wa Kigali; | 9° to monitor activities and functioning of Districts and other State organs operating at the level of the City of Kigali; | 9° faire le suivi des activités et du fonctionnement des Districts et d'autres organes de l'État opérant au niveau de la Ville de Kigali; |
| 10° kwita ku isuku, isukura no gutunganya amazi mu Mujyi wa Kigali; | 10° to ensure hygiene, sanitation and water treatment in the City of Kigali; | 10° assurer l'hygiène, l'assainissement et le traitement de l'eau dans la Ville de Kigali; |

11° gutegura igenamigambi ry'itwara ry'abantu n'ibintu mu Mujiyi wa Kigali no kurishyira mu bikorwa;

11° to develop and implement the plan of action for the transport of persons and goods in the City of Kigali;

11° élaborer et mettre en exécution la planification de transport des personnes et des biens dans la Ville de Kigali;

12° gushaka umutungo no gushyiraho ingamba n'amabwiriza yo gukusanya imisoro n'amahoro hakurikijwe amategeko abigenga;

12° to mobilise resources and put in place strategies for collection of taxes and fees in accordance with relevant laws;

12° mobiliser des ressources et mettre en place des stratégies de la collecte des impôts et taxes conformément à la législation en la matière;

13° guteza imbere no gukurikirana ibikorwa by'ishoramari mu Mujiyi wa Kigali;

13° to promote and follow up investment activities in the City of Kigali;

13° promouvoir et assurer le suivi des activités d'investissement dans la Ville de Kigali;

14° gutanga serivisi zidatangirwa ku zindi nzego z'imitegekere y'Igihugu z'Umujyi wa Kigali;

14° to provide services that are not rendered by other administrative entities of the City of Kigali;

14° délivrer les services qui ne sont pas rendus par les autres entités administratives de la Ville de Kigali;

15° guteza imbere ubutwererane n'ubufatanye n'izindi nzego zaba izo mu gihugu cyangwa izo mu mahanga;

15° to promote cooperation and partnership with other organs at national or international levels.

15° promouvoir le partenariat et la coopération entre la Ville de Kigali et les autres organes au niveau national ou international.

Icyiciro cya 2: Inzego z'ubuyobozi z'Umujyi wa Kigali

Section 2: Management organs of the City of Kigali

Section 2: Organes de direction de la Ville de Kigali

Ingingo ya 8: Inzego z'ubuyobozi z'Umujyi wa Kigali

Article 8: Management organs of the City of Kigali

Article 8: Organes de direction de la Ville de Kigali

Inzego z'Ubuyobozi z'Umujyi wa Kigali ni izi zikurikira:

Management organs of the City of Kigali are:

Les organes de direction de la Ville de Kigali sont les suivants:

1° Inama Njyanama;

1° the Council;

1° le Conseil;

2° Komite Nyobozi;

2° the Executive Committee;

2° le Comité Exécutif;

3° Ubuyobozi Bukuru bw'Ibikorwa by'Umujyi

3° the City Management Office;

3° le Bureau de Gestion de la Ville;

4° Komite y'Umutekano.

4° the Security Committee.

4° le Comité de Sécurité.

Iteka rya Perezida rishobora gushyiraho Komite Ngishwanama y'Umujyi wa Kigali rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo.

A Presidential Order may establish an Advisory Committee of the City of Kigali and determine its responsibilities, organization and functioning.

Un arrêté présidentiel peut créer un Comité Consultatif de la Ville de Kigali et déterminer ses attributions, organisation et fonctionnement.

Imikorere y'inzego z'Ubuyobozi z'Umujyi wa Kigali zivugwa mu gace ka mbere, aka 2° n'aka 3° tw'igika cya mbere cy'iyi ngingo igenwa n'amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama.

The functioning of organs of the City of Kigali referred to under items 1°, 2° and 3° of paragraph one of this article is determined by Internal Rules and Regulations of the Council.

Le fonctionnement des organes de la Ville de Kigali visés aux points 1°, 2° et 3° du premier paragraphe de cet article est déterminé par le Règlement d'ordre intérieur du Conseil.

Akicro ka mbere: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali

Sub-section One: Council of the City of Kigali

Sous-section première: Conseil de la Ville de Kigali

Ingingo ya 9: Inshingano z'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali

Article 9: Responsibilities of the Council of the City of Kigali

Article 9: Attributions du Conseil de la Ville de Kigali

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali ishinze gufata ibyemezo, ingamba no gushyiraho amabwiriza kuri ibi bikurikira:

The Council of the City of Kigali is responsible for taking decisions, putting in place strategies and issue instructions on the following:

Le Conseil de la Ville de Kigali est chargé de prendre des décisions, de mettre en place des stratégies et de donner des instructions sur les points suivants:

1° ingamba z'iterambere ry'Umujyi wa Kigali n'uko zishyirwa mu bikorwa ;

1° development strategies of the City of Kigali and their implementation;

1° les stratégies de développement de la Ville de Kigali et leur mise en exécution;

2° ingengo y'imari y'Umujyi wa Kigali n'ishyirwa mu bikorwa ryayo;

2° the budget of the City of Kigali and its execution;

2° le budget de la Ville de Kigali et son exécution;

3° gahunda y'ibikorwa y'Umujyi wa Kigali n'ishyirwa mu bikorwa ryayo;

3° action plan of the City of Kigali and its implementation;

3° le plan d'action de la Ville de Kigali et sa mise en exécution;

- | | | |
|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| 4° ibikorwa remezo n'imiturire mu Muji wa Kigali; | 4° infrastructure and urbanization in the City of Kigali; | 4° les infrastructures et l'urbanisme dans la Ville de Kigali; |
| 5° igishushanyombonera cy'imitunganyirize y'ahantu n'umuji, igishushanyo rusange cy'itunganywa ry'ahantu, igishushanyo cyihariye cy'itunganywa ry'ahantu, n'igishushanyo cy'ikatwa ry'ibibanza by'Umujyi wa Kigali hakurikijwe amategeko abigenga; | 5° master plan for land management and urban planning, local land development plan, specific land development plan and the land subdivision plan, of the City of Kigali in accordance with relevant laws; | 5° le schéma directeur d'aménagement et d'urbanisme, le plan d'aménagement local, le plan d'aménagement particulier et le plan de lotissement, de la Ville de Kigali conformément à la législation en la matière; |
| 6° imari ishorwa mu bigo cyangwa mu masosiyete y'ubucuruzi Umujyi wa Kigali ushaka kugiramo imigabane hakurikijwe amategeko abigenga; | 6° funds to be invested in enterprises or companies in which the City of Kigali intends to have shares in accordance with relevant laws; | 6° les fonds à investir dans les établissements ou les sociétés commerciales dans lesquels la Ville de Kigali veut avoir des actions conformément à la législation en la matière; |
| 7° itwara ry'abantu n'ibintu mu Muji wa Kigali; | 7° transportation of persons and goods within the City of Kigali; | 7° le transport des personnes et des biens dans la Ville de Kigali; |
| 8° umushinga w'inzego z'imirimo z'Umujyi wa Kigali, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi bishyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe; | 8° draft organisational structure of the City of Kigali, salary and other benefits of the staff determined by a Prime Minister's Order; | 8° le projet de cadre organique de la Ville de Kigali, les salaires et autres avantages accordés au personnel déterminés par arrêté du Premier Ministre; |
| 9° inyongera y'umushahara mbumbe w'abakozi, hashingiwe ku bushobozi bw'Umujyi wa Kigali; | 9° increase of the staff gross salary according to the resources of the City of Kigali; | 9° l'augmentation du salaire brut du personnel selon les ressources de la Ville de Kigali; |
| 10° ikigereranyo cy'amahoro yakwa mu Muji wa Kigali hakurikijwe amategeko; | 10° charge rates levied in the City of Kigali in accordance with the law; | 10° les taux des frais à percevoir dans la Ville de Kigali conformément à la législation; |
| 11° ubutwererane n'ubufatanye n'izindi nzego zaba izo mu gihugu cyangwa izo mu mahanga; | 11° cooperation and partnership with other organs at national and international levels; | 11° la coopération et le partenariat avec d'autres organes aux niveaux national et international; |

12° imicungire y'umutungo w'Umujyi wa Kigali;	12° management of the property of the City of Kigali;	12° la gestion du patrimoine de la Ville de Kigali;
13° umwenda Umujyi wa Kigali wafata n'uburyo bwo kuwishyura hubahirijwe ibiteganywa n'amategeko;	13° loan that the City of Kigali may take and repayment modalities in accordance with the law;	13° le crédit pouvant être contracté par la Ville de Kigali et modalités de remboursement conformément à la législation;
14° ibikorwa bijyanye n'imibereho y'abaturage n'iterambere ry'ubukungu;	14° activities related to social welfare and economic development;	14° les activités en rapport avec le bien-être social et le développement économique;
15° kwakira, kugurisha cyangwa gutangira ubuntu umutungo bwite utimukanwa w'Umujyi wa Kigali hakurikijwe amategeko abigenga;	15° acquisition, sale or donation of the private immovable property of the City of Kigali in accordance with relevant laws;	15° acquisition, cession à titre onéreux ou à titre gratuit du patrimoine immobilier du domaine privé de la Ville de Kigali conformément à la législation en la matière;
16° gukurikirana no kugenzura ibikorwa bya Komite Nyobozi y' Umujyi wa Kigali n'iby' Umuyobozi Mukuru w'Ibikorwa by'Umujyi;	16° monitoring and oversight over activities of the Executive Committee of the City of Kigali and those of the City Manager;	16° suivi et contrôle des activités du Comité Exécutif de la Ville de Kigali et celles du Gestionnaire du Bureau de la Ville;
17° ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro ya raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta;	17° implementation of recommendations included in the report of the Auditor General of State Finances;	17° la mise en exécution des recommandations contenues dans le rapport de l'Auditeur Général des Finances de l'État;
18° ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Njyanama;	18° implementation of the Council's resolutions;	18° l'exécution des résolutions du Conseil;
19° amategeko ngengamikorere agenga Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali n'aya Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali;	19° the Internal Rules and Regulations governing the Council of the City of Kigali and the Executive Committee of the City of Kigali;	19° le Règlement d'ordre intérieur du Conseil de la Ville de Kigali et du Comité Exécutif de la Ville de Kigali;

20° ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi bihabwa abatubahiriza amabwiriza y'Inama Njyanama hakurikijwe amategeko.

20° administrative sanctions to be imposed on those who fail to comply with regulations of the Council in accordance with the law.

20° les sanctions administratives à imposer à ceux qui violent les règlements du Conseil conformément à la législation.

Ingingo ya 10: Ibyemezo by'Inama Njyanama

Article 10: Decisions of the Council

Article 10: Décisions du Conseil

Ibyemezo by'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali bigomba kumenyeshwa Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze bitarenze iminsi itanu (5) y'akazi kuva iteranye, na we akayigira inama areba ko ibyemezo byafashwe bitanyuranyije n'amategeko mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye umunsi yabimenyesherejweho.

The decisions of the Council of the City of Kigali must be communicated to the Minister in charge of local government within five (5) working days from the day its meeting is held. The Minister in turn gives his or her views ensuring that the decisions are in compliance with the law, within five working (5) days from the day of notification.

Les décisions du Conseil de la Ville de Kigali sont transmises au Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions dans les cinq (5) jours ouvrables à compter de la tenue de sa réunion. Le Ministre doit donner son avis en s'assurant que les décisions prises sont conformes à la loi, endéans cinq (5) jours ouvrables à compter de la notification.

Iyo Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze ntacyo abivuzeho mu minsi itanu (5) y'akazi ikurikira umunsi byatangiweho icyemezo cy'iyakira, Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali ishyira mu bikorwa ibyemezo byafashwe n'Inama Njyanama.

If the Minister in charge of local government does not give his or her opinion within five (5) working days following the date of issuance of acknowledgment of receipt, the Executive Committee of the City of Kigali implements the decisions taken by the Council.

A défaut de l'avis du Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions dans un délai de cinq (5) jours ouvrables suivant le jour de l'accusé de réception, le Comité Exécutif de la Ville de Kigali exécute les décisions prises par le Conseil.

Iyo Minisitiri asanze icyemezo cyafashwe kinyuranyije n'amategeko, abimenyeshya Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali mu nyandiko isobanura impamvu ayisaba kugisubiramo, kopi ikoherezwa Minisitiri w'Intebe.

When the Minister finds that the decision taken is inconsistent with the law, he or she informs the Council of the City of Kigali thereof in writing outlining reasons for his or her request for reconsideration of the decision and reserves a copy to the Prime Minister.

Si le Ministre constate que la décision prise est contraire à la loi, il en avise le Conseil de la Ville de Kigali par écrit en précisant les motifs de sa demande de réexamen de la décision et réserve copie au Premier Ministre.

Ingingo ya 11: Abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali na manda yabo

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali igizwe n'Abajyanama bakurikira:

1° babiri (2) bagizwe n'umugabo n'umugore baturuka muri buri Karere batorwa hakurikijwe itegeko ngenga rigenga amatora;

2° batanu (5) bashyirwaho n'Iteka rya Perezida bamaze kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri.

Iteka rya Perezida rishobora kongera cyangwa kugabanya umubare w'Abajyanama bavugwa mu gika cya mbere agace ka 2° by'iyi ngingo. Abajyanama b'Umujyi wa Kigali bagira manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa.

Ingingo ya 12: Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali

Abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali bitoramo Biro igizwe na Perezida, Visi Perezida n'Umunyamabanga. Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abayigize bagomba kuba ari abagore.

Ingingo ya 13: Inshingano za Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali

Biro y'Inama Njyanama ifite inshingano zikurikira:

Article 11: Members of the Council of the City of Kigali and their term of office

The Council of the City of Kigali is comprised of the following members:

1° two (2) members including a man and a woman, from each District and elected in accordance with the organic law governing elections;

2° five (5) members appointed by a Presidential Order after being approved by the Cabinet.

A Presidential Order may increase or reduce the number of members of the Council provided for by Paragraph One item 2° of this Article. Members of the Council of the City of Kigali have a term of office of five (5) years renewable.

Article 12: Bureau of the Council of the City of Kigali

Members of the Council of the City of Kigali elect from among themselves the Bureau comprised of a Chairperson, a Deputy-Chairperson and a Secretary. At least thirty per cent (30%) of members of the Bureau must be female.

Article 13: Responsibilities of the Bureau of the Council of the City of Kigali

The Bureau of the Council has the following responsibilities:

Article 11: Membres du Conseil de la Ville de Kigali et leur mandat

Le Conseil de la Ville de Kigali est composé des membres suivants:

1° deux (2) membres dont un homme et une femme, provenant de chaque District et élus conformément à la loi organique régissant les élections;

2° cinq (5) membres nommés par arrêté présidentiel après leur approbation par le Conseil des Ministres.

Un arrêté présidentiel peut augmenter ou réduire le nombre des membres du Conseil prévus par l'alinéa premier point 2° du présent article. Les membres du Conseil de la Ville de Kigali ont un mandat de cinq (5) ans, renouvelable.

Article 12: Bureau du Conseil de la Ville de Kigali

Les membres du Conseil de la Ville de Kigali élisent en leur sein le Bureau composé d'un Président, un Vice-président et un Secrétaire. Au moins trente pour cent (30%) des membres du Bureau doivent être de sexe féminin.

Article 13: Attributions du Bureau du Conseil de la Ville de Kigali

Le Bureau du Conseil a les attributions suivantes:

1° gutegura no kuyobora inama y’Inama Njyanama;

2° gukurikirana ishyingirwa mu bikorwa ry’ibyemezo by’Inama Njyanama;

3° gukora izindi nshingano yahabwa n’Inama Njyanama.

1 ° to prepare and chair the meeting of the Council;

2 ° to monitor the implementation of the decisions of the Council;

3 ° to perform any other duties as may be assigned by the Council.

1 ° préparer et diriger la réunion du Conseil;

2 ° faire le suivi de la mise en application des décisions du Conseil;

3 ° s’acquitter de toute autre attribution que le Conseil peut lui confier.

Ingingo ya 14: Inshingano z’Abagize Biro y’Inama Njyanama

Inshingano z’Abagize Biro y’Inama Njyanama zigenwa n’amategeko ngenyamikorere.

Article 14: Responsibilities of members of the Bureau of the Council

The responsibilities of members of the Bureau of the Council are determined by internal rules and regulations.

Article 14: Attributions des membres du Bureau du Conseil

Les attributions des membres du Bureau du Conseil sont déterminées par le Règlement d’ordre intérieur.

Ingingo ya 15: Komisiyo zigize Inama Njyanama y’Umujyi wa Kigali

Inama Njyanama y’Umujyi wa Kigali igizwe na Komisiyo zikurikira:

1° Komisiyo y’ibikorwa remezo n’imiturire;

2° Komisiyo y’ubukungu, imibereho y’Abaturage n’Imiyoborere Myiza.

Article 15: Commissions of the Council of the City of Kigali

The Council of the City of Kigali consists of the following Commissions:

1° Commission on Infrastructure and Urbanization;

2° Commission on Socio-economic Affairs and Good Governance.

Article 15: Commissions du Conseil de la Ville de Kigali

Le Conseil de la Ville de Kigali est composé des Commissions suivantes:

1° la Commission des infrastructures et de l’urbanisme;

2° la Commission des affaires socio-économiques et de la bonne gouvernance.

Buri Mujyanama agira Komisiyo akoreramo. Umubare w’abagize buri Komisiyo ugenwa na Biro y’Inama Njyanama.

Each member of the Council is a member of one of the Commissions. The number of members of each Commission is determined by the Bureau of the Council.

Chaque membre du Conseil fait partie de l’une des Commissions. Le nombre des membres de chaque Commission est déterminé par le bureau du Conseil.

Inama Njyanama kandi ishobora gushyiraho Komisiyo idasanze yiga ikibazo cyihariye, ikarangiza manda yayo itanze raporo.

The Council may also create ad hoc Commission to deal with a specific issue

Le Conseil peut également créer une Commission ad hoc pour étudier un

and its mandate ends with the submission of the report.

problème particulier et son mandat se termine avec la remise du rapport.

Ingingo ya 16: Ubuyobozi bwa Komisiyo

Article 16: Chairpersonship of the Commission

Article 16: Présidence d'une Commission

Abajyanama bagize buri Komisiyo bitoramo umuyobozi n'umwanditsi b'iyo Komisiyo.

Members of the Council of each Commission elect from among themselves a Chairperson and a rapporteur of the Commission.

Les membres du Conseil de chaque Commission élisent en leur sein le Président et le rapporteur de cette Commission.

Icyakora, abagize Biro y'Inama Njyanama n'abagize Komite Nyobozi ntibemerewe kuyobora Komisiyo.

However, members of the Bureau of the Council and members of the Executive Committee are not allowed to head a Commission.

Toutefois, les membres du Bureau du Conseil et les membres du Comité Exécutif ne sont pas autorisés à assurer la présidence d'une Commission.

Ingingo ya 17: Komite Ngenzuzi y'Umujyi wa Kigali

Article 17: Audit Committee of the City of Kigali

Article 17: Comité d'audit de la Ville de Kigali

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yitoramo abagize Komite Ngenzuzi.

The Council of the City of Kigali elects from among itself members of the Audit Committee.

Le Conseil de la Ville de Kigali élit en son sein les membres du Comité d'audit.

Minisitiri ufite imari ya Leta mu nshingano ze agena amabwiriza yihariye agena inshingano, imiterere n'imikorere ya Komite Ngenzuzi.

The Minister in charge of State finance issues special regulations governing the responsibilities, organization and functioning of the Audit Committee.

Le Ministre ayant les finances de l'État dans ses attributions édicte les règlements spéciaux régissant les attributions, l'organisation et le fonctionnement du Comité d'audit.

Ingingo ya 18: Ibigenerwa abagize Komite Ngenzuzi y'Umujyi wa Kigali

Article 18: Allowances for the members of the Audit Committee of the City of Kigali

Article 18: Indemnités allouées aux membres du Comité d'audit de la Ville de Kigali

Ibigenerwa abagize Komite Ngenzuzi y'Umujyi wa Kigali igihe bitabiriye imirimo ya Komite bingana n'ibigenerwa abagize

Allowances for members of the Audit Committee who are on duty of the Committee are equivalent to the sitting allowances of members of the Council.

Les indemnités allouées aux membres du Comité d'audit participant aux travaux du Comité sont équivalentes aux jetons de présence des membres du Conseil.

Inama Njyanama igihe bitabiriye inama y'Inama Njyanama.

Ingingo ya 19: Ibigenerwa abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali

Iteka rya Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze rigena insimburamubuzi n'amafaranga y'urugendo abajyanama bahabwa igihe bateranye mu nama y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yaba isanzwe cyangwa idasanzwe, iya Biro cyangwa iya Komisiyo.

Ingingo ya 20: Impamvu zituma Umujyanama ava mu mwanya w'ubujyanama bw'Umujyi wa Kigali

Umujyanama w'Umujyi wa Kigali ava muri uwo mwanya iyo:

- 1° yeguye akoresheje inyandiko;
- 2° yakatiwe burundu igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);
- 3° yakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange;
- 4° ahamwe n'icyaha cya Jenocide yakorewe Abatutsi cyangwa icy'ingengabitekerezo ya Jenocide;

Article 19: Sitting allowances for members of the Council of the City of Kigali

An Order of the Minister in charge of local government determines sitting and transport allowances granted to members of the Council of the City of Kigali when they meet in an ordinary or extraordinary session of the Council, of the Bureau or of a Commission.

Article 20: Reasons for ceasing of duties of a member of the Council of the City of Kigali

Duties of a member of the Council of the City of Kigali ceases if:

- 1° he or she resigns in writing;
- 2° he or she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;
- 3° he or she is sentenced to a penalty of community service;
- 4° he or she is convicted of the crime of genocide against the Tutsi or the crime of genocide ideology;

Article 19: Jetons de présence des membres du Conseil de la Ville de Kigali

Un arrêté du Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions détermine le montant de jetons de présence et des indemnités de transport alloués aux membres du Conseil de la Ville de Kigali lorsqu'ils se réunissent en session ordinaire ou extraordinaire du Conseil, du Bureau ou d'une Commission.

Article 20: Motifs de cessation des fonctions de membre du Conseil de la Ville de Kigali

Les fonctions du membre du Conseil de la Ville de Kigali cessent si:

- 1° il démissionne par écrit;
- 2° il est condamné définitivement à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;
- 3° il est condamné à une peine de travaux d'intérêt général ;
- 4° il est reconnu coupable du crime de génocide perpétré contre les Tutsi ou du crime d'idéologie du génocide ;

5° yireze akemera icyaha cya jenocide yakorewe Abatutsi;	5° he or she pleads guilty to the crime of genocide against the Tutsi;	5° il fait aveu de culpabilité du crime de génocide perpétré contre les Tutsi;
6° yasibye mu nama adafite impamvu inshuro eshatu (3) zikurikiranye;	6° he or she is absent in three (3) consecutive meetings without justified reasons;	6° il est absent aux réunions trois (3) fois successives sans raison valable;
7° yemeye undi murimo udashobora kubangikanywa n'uw'ubujyanama;	7° he or she accepts another position that is incompatible with being a member of the Council;	7° il a accepté une autre fonction incompatible avec la fonction de membre du Conseil;
8° ahagaritswe kuri uwo mwanya n'Inama Njyanama;	8° he or she is suspended from such a duty by the Council;	8° il est suspendu de ses fonctions par le Conseil;
9° agize uburwayi butuma adashobora kurangiza inshingano ze, byemejwe na muganga wemewe na Leta;	9° he or she is unable to discharge his/her duties as a result of an illness that is certified by a recognized medical doctor;	9° il est incapable de remplir ses fonctions à la suite d'une maladie constatée par un médecin agréé;
10° iyo impamvu zashingiweho kugira ngo abe Umujyanama zitakiriho;	10° the reasons for being a member of the Council do not stand anymore;	10° les raisons qui ont été à la base d'être membre du Conseil n'existent plus;
11° arangije manda ye;	11° his or her term of office expires;	11° son mandat expire;
12° Inama Njyanama isheshwe;	12° the Council is dissolved;	12° le Conseil est dissous;
13° apfuye.	13° he or she dies.	13° il décède.

Ingingo ya 21: Iseswa ry'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali ishobora guseswa n'Iteka rya Perezida iyo:

Article 21: Dissolution of the Council of the City of Kigali

The Council of the City of Kigali may be dissolved by a Presidential Order if:

Article 21: Dissolution du Conseil de la Ville de Kigali

Le Conseil de la Ville de Kigali peut être dissous par arrêté présidentiel dans les cas suivants:

1° bisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize Inama Njyanama kandi bigaragara ko bifitiye abaturage akamaro;

2° habaye imidugararo biturutse ku bagize Inama Njyanama;

3° bigaragaye ko Inama Njyanama itagishoboye kuzuza inshingano zayo.

1° a third (1/3) of the members of the Council requests so and when it is evident that it is in the interest of the population;

2° there has been unrest caused by the members of the Council;

3° it is evident that the Council no longer fulfils its responsibilities.

1° sur demande d'un tiers (1/3) des membres du Conseil dans l'intérêt manifeste de la population ;

2° en cas de troubles causés par les membres du Conseil;

3° quand le Conseil manifeste l'incapacité de remplir ses attributions.

Ingingo ya 22: Ubuyobozi bw'inzibacyuho mu gihe Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yasheshwe

Perezida wa Repbulika ashiraho abamuhagararira iyo Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali isheshwe. Mu gihe kitarenze amezi atatu (3) hajyaho Abajyanama bashya hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 10 y'iri tegeko. Abahagarariye Perezida wa Repbulika barangiza manda bahawe ari uko bakoze iherekanyabubasha n'abayobozi bashya batowe.

Icyakora, Perezida wa Repbulika, akoresheje iteka, ashobora kongera igihe kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

Iyo Inama Njyanama isheshwe hasigaye amezi atarenze atandatu (6) kugira ngo manda irangire, nta bandi Bajyanama batorwa cyangwa ngo bashyirweho muri icyo gihe.

Article 22: Transitional management in case of dissolution of the Council of the City of Kigali

The President of the Republic appoints his or her representatives if the Council of the City of Kigali is dissolved. New members of the Council are established within three (3) months in accordance with provisions of Article 11 of this Law. The term of office of the representatives of the President of the Republic comes to an end after the handover ceremony with new leaders.

However, the President of the Republic may, through an Order, extend the time provided for under Paragraph One of this Article.

If the Council is dissolved when the remaining term of office is not more than six (6) months, there is no election or appointment of other members of the Council in that period.

Article 22: Direction transitoire en cas de dissolution du Conseil de la Ville de Kigali

Lorsque le Conseil est dissous, le Président de la République nomme ses représentants. Les nouveaux membres du Conseil sont établis endéans trois (3) mois conformément aux dispositions de l'article 11 de la présente loi. Le mandat des représentants du Président de la République prend fin après la cérémonie de remise et reprise avec les nouveaux dirigeants.

Toutefois, le Président de la République peut, par voie d'arrêté, prolonger la période prévue à l'alinéa premier du présent article.

Si le Conseil est dissous alors qu'il ne reste qu'une durée du mandat ne dépassant pas six (6) mois, il n'y a pas d'élections ou de nomination d'autres membres du Conseil dans cette période.

Akiciro ka 2: Komite Nyobozi y’Umujyi wa Kigali

Ingingo ya 23: Inshingano za Komite Nyobozi y’Umujyi wa Kigali

Komite Nyobozi y’Umujyi wa Kigali ifite inshingano zikurikira:

- 1° gushyira mu bikorwa politiki za Leta;
- 2° kumenyekanisha amabwiriza n’ibyemezo by’Inama Njyanama y’Umujyi wa Kigali no gushishikariza inzego z’ubuyobozi bw’Umujyi wa Kigali n’abaturatione kubyubahiriza ;
- 3° gutegura gahunda y’igenamigambi ry’iterambere n’ishyirwa mu bikorwa ryayo no kuyishyikiriza Inama Njyanama kugira ngo iyemeze;
- 4° gutegura umushinga w’ingengo y’imari y’Umujyi wa Kigali, kuwugaragariza Inama Njyanama y’Umujyi wa Kigali kugirango yemeze ingengo y’imari;
- 5° gukurikirana uko ingengo y’imari ishyirwa mu bikorwa no gushyikiriza raporo Inama Njyanama;
- 6° gufata ingamba zo kubungabunga no kwita ku mutekano w’abantu n’ibintu;
- 7° gutegura no gushyira mu bikorwa igishushanyombonera cy’imitunganyirize

Sub-section 2: Executive Committee of the City of Kigali

Article 23: Responsibilities of the Executive Committee of the City of Kigali

The Executive Committee of the City of Kigali has the following responsibilities:

- 1° to implement Government policies;
- 2° to disseminate regulations and decisions of the Council of the City of Kigali and call on the administrative organs of the City of Kigali and the population to comply with them;
- 3° to prepare the strategic development plan and its implementation and submit it to the Council for approval;
- 4° to prepare the budget proposal of the City of Kigali and introduce it to the Council of the City of Kigali for approval of the budget;
- 5° to monitor the execution of the budget and submit a report to the Council;
- 6° to put in place strategies to ensure the safety of persons and property;
- 7° to prepare and implement the master plan for land management and urban

Sous-section 2: Comité Exécutif de la Ville de Kigali

Article 23: Attributions du Comité Exécutif de la Ville de Kigali

Le Comité Exécutif de la Ville de Kigali a les attributions suivantes:

- 1° mettre en exécution les politiques de l’État;
- 2° diffuser les règlements et les décisions du Conseil de la Ville de Kigali et inviter les organes administratifs de la Ville de Kigali et la population à s’y conformer;
- 3° élaborer le plan de développement stratégique et sa mise en exécution et le soumettre au Conseil pour approbation;
- 4° préparer le projet de budget de la Ville de Kigali et le présenter au Conseil de la Ville de Kigali pour adoption du budget;
- 5° faire le suivi de la mise en exécution du budget et en donner rapport au Conseil;
- 6° prendre des stratégies visant à assurer la sécurité des personnes et des biens;
- 7° préparer et exécuter le schéma directeur d’aménagement et d’urbanisme, plan

<p>y'ahantu n'umujyi, igishushanyo rusange cy'itunganywa ry'ahantu, igishushanyo cyihariye cy'itunganywa ry'ahantu n'igishushanyo cy'ikatwa ry'ibibanza by'Umujyi wa Kigali kandi hakurikijwe amategeko abigenga;</p>	<p>planning, local land development plan, specific land development plan and the land subdivision plan, of the City of Kigali and in accordance with the relevant laws;</p>	<p>d'aménagement local, plan d'aménagement particulier, plan de lotissement, de la Ville de Kigali et conformément à la législation en la matière;</p>
<p>8° guteza imbere no gukurikirana ibikorwa by'ishoramari mu Mujyi wa Kigali;</p>	<p>8° to promote and monitor investment activities in the City of Kigali;</p>	<p>8° assurer la promotion et le suivi des investissements dans la Ville de Kigali;</p>
<p>9° guteza imbere ibikorwa remezo n'imiturire mu Mujyi wa Kigali no gukurikirana uko byitabwaho;</p>	<p>9° to promote infrastructure and urbanization in the City of Kigali and monitor their management;</p>	<p>9° promouvoir les infrastructures et l'urbanisme dans la Ville de Kigali et faire le suivi de leur gestion;</p>
<p>10° gutanga umurungo ngenderwaho mu gushyiraho ibikorwa remezo mu Mujyi wa Kigali;</p>	<p>10° to provide guidelines for the establishment of infrastructure in the City of Kigali;</p>	<p>10° donner des lignes directrices dans la mise en place des infrastructures dans la Ville de Kigali;</p>
<p>11° kwita kuri gahunda n'ingamba z'imibereho y'abaturage n'iterambere ry'ubukungu no gukurikirana ishyingirwa mu bikorwa ryazo;</p>	<p>11° to cater for programmes and strategies relating to social welfare and economic development and monitor their implementation;</p>	<p>11° veiller aux programmes et stratégies en matière du bien-être social et en matière du développement économique et assurer le suivi de leur exécution ;</p>
<p>12° kwemeza igurishwa ry'umutungo wimukanwa;</p>	<p>12° to approve the sale of movable property;</p>	<p>12° approuver la vente de biens meubles;</p>
<p>13° gushyikiriza Biro y'Inama Njyanama ibyo ibona ko ari ngombwa byashyirwa ku murungo w'ibygwa n'Inama Njyanama;</p>	<p>13° to submit to the Bureau of the Council items it considers fit for inclusion on the agenda of the Council;</p>	<p>13° soumettre au Bureau du Conseil les points qu'il estime nécessaires à inscrire à l'ordre du jour du Conseil;</p>
<p>14° gushyira mu bikorwa imyanzuro yavuye mu bufatanye bw'Umujyi wa Kigali n'izindi nzego z'imirimo ya Leta zikorera ku rwego rw'Umujyi wa Kigali;</p>	<p>14° to implement resolutions derived from collaboration between the City of Kigali and other Government organs operating at the level of the City of Kigali;</p>	<p>14° mettre en exécution les résolutions issues de la collaboration entre la Ville de Kigali et d'autres services de l'État œuvrant au niveau de la Ville de Kigali;</p>
<p>15° gutegura no gushyikiriza Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali raporo</p>	<p>15° to prepare and transmit to the Council of the City of Kigali a quarterly and annual</p>	<p>15° préparer et soumettre au Conseil de la Ville de Kigali un rapport d'activités</p>

y'ibikorwa y'igihembwe n'iy'umwaka, Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze akagenerwa kopi;	activity report and provide a copy to the Minister in charge of local government;	trimestriel et annuel et donner une copie au ministre ayant l'administration locale dans ses attributions;
16° gushakira Umujyi wa Kigali abakozi no gukurikirana imicungire yabo hakurikijwe amategeko abigenga;	16° to recruit staff for the City of Kigali and monitor staff management in accordance with relevant laws;	16° recruter le personnel pour la Ville de Kigali et assurer le suivi de sa gestion conformément aux lois en la matière;
17° gufata ibyemezo mu bijyanye n'imicungire y'abakozi;	17° to take decisions relating to staff management;	17° prendre des décisions en matière de gestion du personnel;
18° gushyikiriza buri gihembwe Inama Njyanama raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Njyanama;	18° to submit to the Council a quarterly report on the implementation of the Council's decisions;	18° transmettre au Conseil un rapport trimestriel sur la mise en œuvre des décisions du Conseil;
19° gukora indi mirimo yashingwa n'Inama Njyanama.	19° to perform such other duties as may be assigned to it by the Council.	19° accomplir toutes les autres tâches que le Conseil peut lui confier.

Ingingo ya 24: Abagize Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali, manda yabo, imishahara yabo n'ibindi bagenerwa

Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali igizwe n'abantu batatu (3) batorwa mu bagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali, barimo nibura umugore umwe, aribo:

- 1° Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali;
- 2° Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Wungirije ushinzwe Imiturire n'Ibikorwa remezo;
- 3° Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Wungirije ushinzwe Ubukungu n'Imibereho y'Abaturage.

Article 24: Members of the Executive Committee of the City of Kigali and their term of office, salaries and fringe benefits

The Executive Committee of the City of Kigali comprises of three (3) members elected from members of the Council of the City of Kigali, including at least one woman, namely:

- 1° the Mayor of the City of Kigali;
- 2° the Vice Mayor of the City of Kigali in charge of Urbanisation and Infrastructure;
- 3° the Vice Mayor of the City of Kigali in charge of Socio-economic Affairs.

Article 24: Membres du Comité Exécutif de la Ville de Kigali, leur mandat, leurs salaires et autres avantages

Le Comité Exécutif de la Ville de Kigali est composé de trois (3) membres élus au sein des membres du Conseil de la Ville de Kigali, dont au moins une femme, à savoir :

- 1° le Maire de la Ville de Kigali;
- 2° le Vice-Maire de la Ville de Kigali chargé de l'urbanisme et des infrastructures;
- 3° le Vice-Maire de la Ville de Kigali chargé des affaires socio-économiques.

Abagize Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali batorerwa manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa. Abagize Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali ntibashobora kurenza manda ebyiri (2) zikurikirana.

Iyo umwe mu bagize Komite Nyobozi avuye mu mwanya hasigaye igihe kitarenze umwaka umwe (1) ngo manda irangire, umusimbuye afite uburenganzira bwo kwiyamamaza ku zindi manda ebyiri (2) zikurikirana.

Uwatorewe gusimbura muri Komite Nyobozi arangiza manda uwo asimbuye yari asigaje. Nta tora ryo gusimbura rikorwa iyo hasigaye amezi atarenze atandatu (6) kugira ngo manda irangire.

Iteka rya Perezida rigena imishahara n'ibindi bigenerwa abagize Komite Nyobozi.

Ingingo ya 25: Inshingano z'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali

Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali ahagarariye Leta ku rwego rw'Umujyi wa Kigali. Ni we ushinze kuyobora Umujyi wa Kigali mu mirimo ya buri munsu. Ashinze ibi bikurikira:

1° kuyobora Umujyi wa Kigali akurikije amategeko;

Members of the Executive Committee of the City of Kigali are elected for a five (5) year term of office renewable. Members of the Executive Committee of the City of Kigali cannot serve for more than two (2) consecutive terms of office.

If a member of the Executive Committee ceases his or her duties when the remainder of the term of office does not exceed one (1) year, his or her substitute has the right to stand for election for two (2) consecutive terms.

The substitute elected in the Executive Committee serves the remainder of the term of office of his or her predecessor. No elections for replacement are held in case such a remainder does not exceed six (6) months before the expiry of the term of office.

A presidential Order determines salaries and fringe benefits for members of the Executive Committee.

Article 25: Duties of the Mayor of the City of Kigali

The Mayor of the City of Kigali represents the State at the level of the City of Kigali. He or she is responsible for daily management of the City of Kigali. He or she is responsible for the following:

1° to run the City of Kigali in accordance with laws;

Les membres du Comité Exécutif de la Ville de Kigali sont élus pour un mandat de cinq (5) ans renouvelable. Les membres du Comité Exécutif de la Ville de Kigali ne peuvent pas exercer plus de deux (2) mandats successifs.

Lorsqu'un membre du Conseil Exécutif cesse ses fonctions alors qu'il reste une durée ne dépassant pas une (1) année avant la fin du mandat, son remplaçant a le droit de se présenter aux élections pour deux (2) autres mandats successifs.

Celui qui a été élu pour remplacer un membre du Comité Exécutif termine le reste du mandat de son prédécesseur. Il n'est pas procédé aux élections de remplacement lorsqu'il reste une durée ne dépassant pas six (6) mois avant l'expiration du mandat.

Un arrêté présidentiel détermine les salaires et avantages des membres du Comité Exécutif.

Article 25: Attributions du Maire de la Ville de Kigali

Le Maire de la Ville de Kigali est le représentant de l'État au niveau de la Ville de Kigali. Il assure la gestion quotidienne de la Ville de Kigali. Il est chargé de ce qui suit:

1° diriger la Ville de Kigali conformément aux lois;

2° guhagararira Umujyi wa Kigali imbere y'amategeko;	2° to represent the City of Kigali before the law;	2° représenter la Ville de Kigali devant la loi;
3° kuyobora Komite Nyobozi;	3° to head the Executive Committee;	3° diriger le Comité Exécutif ;
4° gukurikirana imiyoborere y'Uturere;	4° to monitor the administration of Districts;	4° faire le suivi de l'administration des Districts ;
5° gushyira umukono ku nyandiko zijyanye n'inshingano ze, iz'amasezerano y'ubufatanye n'ubutwererane hagati y'Umujyi wa Kigali n'izindi nzego;	5° to sign documents relating to his or her duties, cooperation agreements between the City of Kigali and other organs;	5° signer les documents relevant de ses attributions, les accords de coopération entre la Ville de Kigali et d'autres organes;
6° kumenyekanisha mu Mujyi wa Kigali umurongo wa politiki Igihugu kigenderaho;	6° to disseminate in the City of Kigali the general national policy;	6° diffuser dans la Ville de Kigali la politique générale du pays ;
7° kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu mu Mujyi wa Kigali afatanyije n'inzego zibishinzwe;	7° to maintain the safety of people and property in the City of Kigali in collaboration with relevant organs;	7° assurer la sécurité des personnes et des biens dans la Ville de Kigali en collaboration avec les organes compétents;
8° gushyikiriza Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali raporo y'ibikorwa y'igihembwe n'iy'umwaka, akagera kopi Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze;	8° to submit quarterly and annual activity report to the Council of the City of Kigali, with copy to the Minister in charge of local administration;	8° soumettre au Conseil de la Ville de Kigali le rapport d'activités trimestriel et annuel et réserver une copie au Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions;
9° kwakira no gukemura ibibazo by'abaturage bitashoboye gukemukira ku nzego z'Umujyi wa Kigali zibishinzwe;	9° to receive and resolve complaints of the population not resolved by relevant organs of the City of Kigali;	9° recevoir les requêtes de la population auxquelles les services compétents de la Ville de Kigali n'ont pas pu trouver des solutions;

10° kugeza buri mezi atandatu (6) raporo y'ibikorwa bijyanye n'inshingano ze imbere y'Inama Njyanama;

11° gukora undi murimo yahabwa n'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali.

10° to table before the Council every six (6) months a report on activities relating to his or her duties;

11° to perform such other duty as may be assigned to him or her by the Council of the City of Kigali.

10° présenter au Conseil tous les six (6) mois un rapport sur les activités relevant de ses attributions;

11° accomplir toute autre tâche que le Conseil de la Ville de Kigali peut lui confier.

Ingingo ya 26: Inshingano z'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Wungirije ushinzwe Imiturire n'Ibikorwa Remezo

Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Wungirije ushinzwe Imiturire n'Ibikorwa Remezo ashinzwe ibi bikurikira:

1° gusimbura Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali mu mirimo ye iyo adahari;

2° guhuza ibikorwa byose byerekeye imiturire n'ibikorwa remezo;

3° gukurikirana uko ibyemezo by'Inama Njyanama byerekeye ibikorwa remezo n'imiturire bishyirwa mu bikorwa;

4° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'igishushanyombonera cy'imitunganyirize y'ahantu n'umujyi, igishushanyo rusange cy'itunganywa ry'ahantu, igishushanyo cyihariye cy'itunganywa ry'ahantu n'igishushanyo cy'ikatwa ry'ibanza by'Umujyi wa Kigali kandi hakurikijwe amategeko abigenga;

Article 26: Duties of the Vice Mayor of the City of Kigali in charge of Urbanisation and Infrastructure

The Vice Mayor of the City of Kigali in charge of Urbanisation and Infrastructure is responsible for the following:

1° to deputise for the Mayor of the City of Kigali during his or her absence;

2° to coordinate all activities relating to urbanisation and infrastructure;

3° to monitor the execution of decisions of the Council in matters relating to infrastructure and urbanisation;

4° to monitor the implementation of the master plan for land management and urban planning, local land development plan, specific land development plan and the land subdivision plan, of the City of Kigali and in accordance with the relevant laws;

Article 26: Attributions du Vice-Maire de la Ville de Kigali chargé de l'urbanisme et des infrastructures

Le Vice-Maire de la Ville de Kigali chargé de l'urbanisme et des infrastructures est chargé de ce qui suit:

1° remplacer le Maire de la Ville de Kigali en cas d'absence;

2° assurer la coordination de toutes les activités relatives à l'urbanisme et aux infrastructures ;

3° faire le suivi de la mise en exécution des décisions du Conseil en matière des infrastructures et l'urbanisme;

4° assurer la mise en œuvre du schéma directeur d'aménagement et d'urbanisme, plan d'aménagement local, plan d'aménagement particulier et plan de lotissement, de la Ville de Kigali et conformément à la législation en la matière;

5° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zijyanye n'imiturire n'ibikorwa remezo mu Mujyi wa Kigali;

6° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo gutwara abantu n'ibintu mu Mujyi wa Kigali;

7° gukurikirana uko ingengo y'imari yateganirijwe ibikorwa biri mu nshingano ze ishyirwa mu bikorwa;

8° gukurikirana imirimo y'ubushakashatsi igamije guteza imbere imiturire n'ibikorwa remezo;

9° kugeza buri mezi atandatu (6) raporo y'ibikorwa bijyanye n'inshingano ze imbere y'Inama Njyanama;

10° gukora indi mirimo yashingwa n'Inama Njyanama cyangwa Komite Nyobozi ijyanye n'inshingano ze.

Ingingo ya 27: Inshingano z'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Wungirije ushinzwe Ubukungu n'Imibereho y'Abaturage

Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Wungirije ushinzwe Ubukungu n'Imibereho y'Abaturage ashinzwe ibi bikurikira:

1° gusimbura Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali iyo Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali n'Umuyobozi w'Umujyi wa

5° to monitor the implementation of the strategies relating to urbanization and infrastructure in the City of Kigali;

6° to monitor the implementation of the programme of transport of goods and persons in the City of Kigali;

7° to monitor how the budget allocated to activities within his or her duties is executed;

8° to monitor research activities aiming at promoting urbanisation and infrastructure;

9° to table before the Council every six (6) months a report on activities relating to his or her duties;

10° to perform such other duties relating to his or her duties as may be assigned to him or her by the Council or the Executive Committee.

Article 27: Responsibilities of the Vice Mayor of the City of Kigali in charge of Socio-economic Affairs

